

## Amashuri ya leta mu muji wa Buffalo

### Isuzuma rya Programu z'amashuri zihitirwa na leta nkuru ya leta zunze ubumwe

Kubera ko uli umufatanyabikorwa w'agaciro, turagusaba kwuzura inyigo y'ibibazo 10 kugirango tubone ingingo zo gushyigikira ubusabe bw'amadolari bugomba kugezwa kuli leta nkuru ya leta zunze ubumwe, mu rwego rwo gutera inkunga uburezi mu mwaka w'amashuri wa 2022-2023.

#### **Ubuyobozi bw'amashuri ya leta mu muji wa Buffalo wakira inkunga y'amadolari aturuka mu bigega bya leta nkuru ya leta zunze ubumwe. Iyi nyigo izibanda ku bintu bikulikira:**

- **Umutwe wa I** – Gushyigikira abanyeshuri n'imiryango ikennye cyane
- **Umutwe wa IIA** – Gushyigikira abalimu n'abayobozi b'amashuri bafite ubuhanga buhanitse, no guteza imbere umwuga w'uburezi
- **Umutwe wa III** – Gushyigikira abanyeshuri bacyiga icyongereza n'abanyeshuri b'abimukira.
- **Umutwe wa IV** – Gushyigikira abanyeshuri no guteza imbere ibikorwa byo kurahura ubwenge

#### **By'umwihaliko, inyigo izibanda ku bikulikira:**

- Ibikorwa byo gutanga ubumenyi
- Gufasha abanyeshuri kwinjira mw'ikorana-buhanga
- Gutera ingabo mu bitugu abanyeshuri mu mibanire n'abandi, no mu mbamutima zabo
- Gufasha abanyeshuri babayeho mu bukene
- Gufasha abanyeshuri b'abimukira n'abatangiye kwiga icyongereza
- Gufasha ababyeyi n'imiryango
- Gushyigikira ibikorwa biteza imbere umwuga wo gutanga ubumenyi

#### 1. Wumva waba uli mu yahe matsinda y'abafatanyabikorwa? (Yerekane yose)

- Umaturage wa Buffalo
- Umunyeshuri mu mashuri ya leta muli Buffalo
- Umukozi w'ubuyobozi bw'amashuri ya leta muli Buffalo (urugero: Umunyamuryango wa PCTEA )
- Umwalimu/umujyanama/umukjozi w'imibereho mu mashuri ya leta muli Buffalo, etc. (Urugero: umunyamuryango wa BTF )
- Umufasha wa mwalimu mu mashuri ya leta muli Buffalo (urugero: umunyamuryango wa BEST )
- Umunyamuryango w'inama y'ubuyobozi bw'uburezi muli Buffalo (urugero: Prezida w'iyo nama)
- Umwe mu bayobozi b'amashuri ya leta muli Buffalo (urugero: umunyamuryango wa BCSA )
- Uhagarariye cg umunyamuryango w'ishyirahamwe ry'abatuye Buffalo
- Umwe mubagize umuryango w'abantu bavuga urulimi rutali icyongereza
- Umubyeyi/umurezi w'umwana wiga mu mashuri ya leta muli Buffalo afashwa n'amadolari aturuka mu mutwe I w'ikigega cy'imali cya leta nkuru ya leta zunze (urugero: ishuri iryo ari ryo ryose, uretse amashuri nomero 50, 64, or 195)
- Umubyeyi/umurezi w'umunyeshuri wiga mu mashuri ya leta muli Buffalo adafashwa n'amadolari y'umutwe wa I w'ikigega cya leta nkuru (urugero amashuri nomero 50, 64, 195)
- Uhagarariye amashuri yo mu rwego rwa kaminuza (urugero: umwalimu/umushakashatsi muli kaminuza ya Buffalo)
- Umaturage wunva ko bimureba

- Iindi tsinda (livuge) \_\_\_\_\_

**Hasi hano hali ibikorwa by'ubuyobozi bw'amashuli byalihilirwa n'ikigega cy'imali ya leta nkuru, Umutwe wa I/Umutwe wa IIA/Umutwe wa III/Umutwe wa IV mu mwaka w'amashuli wa 2022-2023 . Tubwire ibikorwa wumva washyigikira. Byerekane byose.**

2. Ibikorwa byo gutanga ubumenyi: *(Bishobora kulihilirwa n'Umutwe wa I, Umutwe wa IIA, Umutwe wa III & Umutwe wa IV)*

- Kugura programu z'inyongera zigisha gusoma n'imibare, zo gufasha abanyeshuli badakulikira neza.
- Abalimu bigisha gusoma n'imibare bo kujya bakorana n'abanyeshuli mu buryo butaziguye.
- Gushakira abanyeshuli badakulikira neza andi mahirwe yo kwigira hanze y'ishuli (urugero: programu zo mu cyi, amasomo atangwa nyuma y'amasaha y'ishuli, amasomo atangwa kuwa gatandatu).
- Kwongera umubare wa programu zihutisha ubumenyi na programu zihambaye zo gushakira abanyeshuli imyanya mu mashuri (AP) n'ibikorwa byo gufasha abanyeshuli kugira uruhare mu masomo ya PA.
- Gukomeza amahirwe yaguye yo mu gihe cya vuba ku banyeshuli bo mu mashuri makuru/amashuri yisumbuye, no kugira uruhare mu buhanga bwo kwerekana imikino (urugero: ikinamico, ikinamico likoresha muzika).
- Kwongera amahirwe ku banyeshuli bifuzwa kumenya gukoresha ibikoresho bya muzika.
- Kwongera ubufasha buha amahirwe umuco n'indimi mu bumenyi (CLRI)
- Nta gikorwa na kimwe muli ibi
- Ikindi gikorwa \_\_\_\_\_

3. Gufungulira abanyeshuli inzira y'ikoranabuhanga: *(Bishobora kulihilirwa n'amadolari y'ikigega cya leta nkuru, Imitwe ya I, IIA & IV)*

- Kugura programuu z'inyigisho kuli mudasobwa, n'imyitoto zo muli mudasobwa yibanda ku burezi.
- Kwigisha abalimu bashya ibyerekeye amasomo atangirwa kure
- Kwongera abigisha b'ikoranabuhanga bo gufasha abalimu mu myigishilize iha abanyeshuli ubumenyi batali kumwe na mwalimu.
- Nta na kimwe muli ibi
- Ikindi gikorwa \_\_\_\_\_

4. Gushyigikira abanyeshuli mu mibereho n'abandi no mu mbamutima zabo: *(Bishobora kulihilirwa n'amadolari y'ikigega cya leta nkuru, Imitwe ya I, IIA & IV)*

- Kwigisha abakozi bo mu mashuri kubona ko hali umunyeshuli ufite imyitwalire y'intabaza mu mibanire ye n'abandi no mu mbamutima ze, n'abafite ikibazo cy'indwara yo mu mutwe, maze bagahuzwa n'abakozi/abajyanama bashinzwe imibanire mu bantu .
- Gutanga ubumenyi n'inkunga mu byerekeye ubuhanga bwo gufasha abafite ibibazo mu mbamutima zabo, ndetse no mu bijyanye n'amagara yabo.

- Gutera inkunga abanyeshuli batagira aho baba, birukanywe mw'ishuli by'igihe gito, cyangwa batwite/bafite abana, inkunga ikagera no kuli abo bana.
- Guha abanyeshuli n'imiryango, ubufasha bwo kubalinda ibitekerezo byo kwiyahura, n'ubwo kureka kunywa ibiyobyabwenge.
- Gushyiraho programu zo guhagalika iterabwoba mu mashuli, n'izo kwigisha uburyo bwo kumenyekanisha ibikorwa by'iterabwoba (halimo n'iterabwoba ryo kuli murandasi) kugirango lifatirwe ingamba zo kulihagalika.
- Kwigisha abashinzwe gucunga inyubakwa z'amashuli mu rwego rwo guteza imbere uburyo bw'intambwe zikulikirana bwo gushyigikira imyifatire myiza, ingamba zo guteza imbere imbamutima nziza mu mibanire y'abantu, no gufasha abanyeshuli kwitabira amasomo buli muni.
- Nta na kimwe muli ibi
- Ikindi gikorwa \_\_\_\_\_

5. Gutera inkunga abanyeshuli b'abakene kurusha abandi: *(Igikorwa gishobora kulihilirwa n'amadolari y'ikigega cya leta nkuru, imitwe ya I & IV)*

- Kutirukana abakozi bazenguruka mu macumbi y'abatagira iwabo no guha ababyeyi amakuru ku miryango ifite ibikorwa byo gufasha abali mur'ako kaga kandi ihora yiteguye kubafasha.
- Gutanga ubufasha bw'amakuru agenewe abanyeshuli n'imiryango ikenera kuba yavurwa uko bikwiye, halimo no kwigisha abo banyeshuli n'iyi miryango, ibyerekeye ubuzima buzira umuze.
- Kugulira abanyeshuli batagira aho baba, imhuzankano n'ibikoresho by'ishuli.
- Gutera inkunga abanyeshuli bafunze kugirango babashe gukomeza kwiga mu mashuli yisumbuye kandi bashobore kwitegura kujya muli kaminuza bamaze kuva mu munyururu.
- Nta na kimwe muli ibi
- Ikindi gikorwa \_\_\_\_\_

6. Gutera inkunga abanyeshuli b'abimukira n'abacyiga icyongereza: *(Igikorwa gishobora kulihilirwa n'amadolari y'ikigega cya leta nkuru aturutse mu mitwe ya I, IIA & III)*

- Kubaha ibikoresho byihaliye, za programu n'inkunga bigenewe kwita kubyo abanyeshuli n'imiryango bakeneye kuko bahuye n'urulimi rw'icyongereza alibwo bwa mbere mu buzima bwabo.
- Gutanga ibikoresho, za programu n'ubufasha bigomba kwita ku bikenewe byihaliwe n'abanyeshuli n'imiryango bakoresha indimi ebyili.
- Kwigisha abalimu, abayobozi b'amashuli, abafasha b'abalimu kugirango babashe kwita ku bikeyewe byihaliwe n'abacyiga urulimi rw'icyongereza.
- Gutanga ibikoresho bihindura indimi (urugero: inyakiramajwi bambara ku mutwe/programe za murandasi bishobora kworohereza itumanaho hagati y'abakozi b'amashuli n'imiryango; inyandiko zili mu ndimi z'abimukira, cyangwa inkoranyamagambo zo guha abanyeshuli b'abimukira bakihagera, n'ibindi).
- Nta na kimwe muli ibi
- Ikindi gikorwa \_\_\_\_\_

7. Inkunga ku babyeyi n'imiryango: (*Igikorwa gishobora gufashwa n'amadolari yaturuka mu mutwe wa I*)

- Kwongera amahirwe yo kugirana ibiganiro n'ababyeyi ku bijyanye n'ubuzima ndetse n'uburezi bw'abana babo.
- Kugumishaho ibikorwa bifasha ababyeyi n'ibiroli bebera kuli buli shuli.
- Kugumishaho programu ifasha ababyeyi n'ubuyobozi bw'amashuli kugirana ibiganiro igihe cyose bikenewe, kandi bikalihilirwa n'umutwe wa I.
- Nta na kimwe muli ibi
- Ikindi gikorwa \_\_\_\_\_

8. Ibikorwa byo guteza imbere ubunyamwuga: (*Gishobora kulihilirwa n'amadolari yaturuka mu kigeza cya leta nkuru, imitwe ya I, IIA, III & IV*)

- Kwigisha abakozi b'amashuli kubijyanye n'intabwe y'ubumenyi abazadusimbura bagomba kugera ho muli leta ya New York (urugero: mu mibare, mu cyongereza, mu bumenyi, mu bumenyi bw'imibanire y'abantu, n'ibindi).
- Kwigisha abakozi b'amashuli ibijyanye n'ubuhanga bwo kwigisha abanyeshuli batali kumwe na mwalimu, na programu zo kwigira kuli murandasi (urugero: Schoology)
- Gushyiraho programu zo kumenyereza abalimu n'abayobozi bashya b'amashuli.
- Gushyiraho uburyo bwo guhugura abalimu bali ku kazi no gutera inkunga abalimu.
- Gushyiraho uburyo bwo guhugura ubunyamwuga bw'abalimu bwibanda ku kwigisha imibare n'indimi.
- Guteza imbere abalimu mu bijyanye n'ubuhanga bwo gutanga ubumenyi, mu rwego rwo gushyigikira imyigire y'abanyeshuli.
- Gufasha abalimu gutera imbere kinyamwuga mu byerekeye kwigisha icyongereza nk'urulimi rushya ku bimukira (ENL) no kuba abalimu bashinzwe uburezi b'ubwoko bwihaliye.
- Gufasha abayobozi b'amashuli gutera imbere kinyamwuga.
- Kwigisha abalimu n'abayobozi b'amashuli ibijyanye n'ubuhanga bwo gutera umwuka mwiza mw'ishuli (urugero: kubonera abanyeshuli ibihano bital'ukwirukanwa mu gihe gito, kuberekeza ku bikorwa bibafasha kwikosora, inyigisho zikora ku muco no ku ndimi z'abimukira, ubuhanga bwo kworohereza abanyeshuli kugira uruhare mw'ishuli, inyigisho zitirengagiza imbamutima z'abanyeshuli, kwimira akarengane kateruye, kumenya kwita ku banyeshuli bahuye n'ibintu byabababaje, n'ibindi).
- Guhugura abalimu no kubatera inkunga mu gukoresha ibyavuye mu bushakashatsi hagamijwe guha abanyeshuli inyigisho zihaliye, zishingiye ku bumenyi bakeneye.
- Nta na kimwe muli ibi
- Ibindi bikorwa \_\_\_\_\_

9. Yaba ushyigikiye ibikorwa bitavuzwe hano, wakwandika ibitekerezo byawe hano \_\_\_\_\_.

10. Mu mwanya w’amanama abera ku mugaragaro atumirwamo bose, hazabaho amanama azabera kuli murandasi mu kwezi kwa 7 n’ukwa 8, kugirango abo bireba bayagiremo uruhare, bavuge akabali ku mutima ku byerekeye ubusabe bw’inkunga y’amadolari ubuyobozi bw’amashuli bwitegura kugeza ku kigega cya leta nkuru ya leta zunze ubumwe. Amabwiliza avuga kuli ayo manama mwayasanga ku rubuga rw’ubuyobozi bw’amashuli [www.buffaloschools.org](http://www.buffaloschools.org) ndetse no ku rukuta rw’ababyeyi bafite abana mu mashuli ya leta muli Buffalo kuli Facebook. Abiyandikishije bazayahabwa binyuze kuli email no ku butumwa bugufi kuli telephone zigendanwa.

**Ingengabihe by’inama z’ubuyobozi bw’amashuli, zisaba inkunga y’amadolari y’ishami rya leta nkuru ya leta zunze ubumwe lishinzwe uburezi mu mwaka w’amashuli wa 2022-2023**

**Kuwa kabili taliki ya 12 z’ukwa 7 saa kumi n’imwe n’igice ( 5:30pm) – Umutwe wa I n’uwa IIA**

- Tuzabereka ingengo y’imali tuzaba twateguye maze tubasabe ibitekerezo byanyu kuli ibi bikulikira:
  - Inkunga y’inyongera y’uburezi (urugero: inyongera mu gushyigikira ubuhanga bwo gusoma/ mu mibare)
  - Uruhare rw’ababyeyi
  - Guteza imbere ubunyamwuga

**Kuwa kabili taliki ya 19 z’ukwa 7 saa kumi n’imwe n’igice (5:30pm)– Umutwe wa III n’uwa IV**

- Tuzabereka ingengo y’imali tuzaba twateguye maze tubasabe ibitekerezo byanyu ku ngingo zikulikira:
  - Uburezi bukoresha indimi nyinshi
  - Gukungahaza ubumenyi
  - Gushakira abanyeshuli imyanya mu mashuli yisumbuye
  - Ubugeni bwo kwerekana ikinamico
  - Inkunga mu mibanire, no gushyigikira imbamutima by’abanyeshuli
  - Ikoranabuhanga mu gutanga ubumenyi

**Kuwa kabili taliki ya 23 z’ukwa 8 saa kumi n’imwe n’igice (5:30pm )—Programu z’ingengo y’imali ya leta nkuru ya leta zunze ubumwe**

- Duhereye ku bitekerezo byanyu bizaba byavuye mu Manama yo mukwa 7, tuzongera turebere hamwe ingengo y’imali yaturuka mu mitwe ya:
  - Umutwe wa I
  - Umutwe wa IIA
  - Umutwe wa III
  - Umutwe wa IV

Hitamo kimwe muli ibi bikulikira:

- Ndabikunze cyane kandi nzashaka ukuntu naza nibura muli imwe muli izo nama zo kuli murandasi.
- Ndabikunze cyane aliko si mfite ikoranabuhanga ryatuma mbasha gukulikirana aya manama.
- Ndabikunze cyane aliko nkeneye umusemuzi kugirango mbashe kuba nabigiramo uruhare. (Twandikire urulimi rwawe hano hazi handitse “Ibindi”)
- Si nshaka kuza muli aliya Manama, aliko murakoze kuntumira.
- Ibindi \_\_\_\_\_